RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 23-30 Kamena




P1. **Olympic Day 2022:** Komite Olempike y'u Rwanda yifatanyije na Gasore Serge Foundation kwizihiza umunsi Olempike 2022

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Olympic Day 2022:** Komite Olempike y'u Rwanda yifatanyije na Gasore Serge Foundation kwizihiza umunsi Olempike 2022

P2 **Football:** AS Kigali yegukanye igikombe cy'Amahoro 2022

P2 **Football:** Sunrise FC yegukanye shampiyona y'icyiciro cya kabiri

# 1 **Olympic Day 2022:** Komite Olempike y'u Rwanda yifatanyije na Gasore Serge Foundation kwizihiza umunsi Olempike 2022

Taliki 23 Kamena 2022, Komite Olempike y'u Rwanda yifatanyije na Gasore Serge Foundation kwizihiza umunsi Olempike 2022 (Olympic Day 2022).

Ibi birori byabereye mu ishuri "Rwanda Children Christian School (RCCS)" rya Gasore Serge Foundation riherereye i Ntarama, mu Karere ka Bugesera, hitabira abana 500.

Mu bikorwa byaranze uyu munsi harimo gukina imikino itandukanye irimo Olympic Day Run, Athletics Kids, Basketball 3×3, Karate, Aerobics n'Imikino Gakondo.



Mu kwizihiza uyu munsi kandi, Komite Olempike y'u Rwanda yafatanyije n'abagize ihuriro ry'abaserukiye u Rwanda mu mikino Olempike "Rwanda Olympians Association (ROA)" aho baganirije aba bana ku bijyanye no kwimakaza indangagaciro za siporo by'umwihariko indangagaciro Olempike.

Aba bana bakaba barashishikarijwe gukura bakunda kandi bakora siporo ndetse bakazaharanira kuzitabira imikino Olempike.

Ibi bikazagerwaho ari uko bimakaje izi ndangagaciro Olempike zikajya mu ngiro mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka mu kwizihiza uyu munsi ngarukamwaka igira iti: ***"Tuzirikane uruhare rwa siporo mu guhuza abantu himakazwa amahoro".***




*Rwanda Children Christian School/Gasore Serge Foundation bizihiza umunsi Olempike, taliki 23 Kamena 2022*

Umuyobozi wa Gasore Serge Foundation, Gasore Serge yatangaje ko bishimiye iki gikorwa. Ati :
"Twishimiye kuba twifatanyije na Komite Olempike y'u Rwanda kwizihiza umunsi Olempike uyu mwaka. Ni amahirwe adasanzwe ku bana bacu yo kumenya no gukora siporo badasanzwe bakora nka Basketball 3X3 ndetse n'imikino gakondo. Muri iyo mikino kandi banigiyemo indangagaciro Olempike zizabafasha kuvamo abakinnyi beza ndetse no gukurikirana neza amasomo yabo. Iyo uri umukinnyi mwiza uba uri n'umuturage mwiza kandi uteye imbere u Rwanda rwifuza."

Akomeza avuga ko ubu imikino bayimenye igisigaye ari ugutangira kuyikina baharanira kuzagera ku rwego mpuzamahanga.

Sharangabo Alexis, OLY ukuriye ihuriro ry'abaserukiye u Rwanda mu mikino Olempikeyatangaje ko igikorwa nk'iki bagiha agaciro cyane kuko aba bana baba baje guha ubutumwa mu minsi iri imbere ari bo bazaba baserukira igihugu mu mikino mpuzamahanga itandukanye.

Umujyanama muri Komite Olempike y'u Rwanda, Girimbabazi Rugabira Pamela, OLY yatangaje ko bishimiye uko iki gikorwa cyagenze kuko intego bari bihaye bayigezeho yo gusangiza abana indangagaciro Olempike:

"Buri mwaka twizihizanya uyu munsi Olempike (Olympic Day) n'abana cyane cyane abo mu mashuri mato kugirango tubafashe gukura bakunda kandi bakora siporo. Tubigisha kandi indangagaciro Olempike ndetse n'uburyo bakwiye kuzishyira mu ngiro mu buzima bwabo bwa buri munsi. Aba bana tubazanira kandi bakuru babo bitabiriye imikino Olempike bakabaganiriza ndetse bagakinana ku munsi nk'uyu. Twizera ko ibyo bibafasha gukura bazi neza icyo imikino Olempike isobanuye ndetse bafite n'ishyaka nabo ryo kuzayitabira. Uyu munsi twifatanyije n'abana bagera kuri 500 barererwa mu kigo cya Gasore Serge Foundation hano i Ntarama, Bugesera ariko kandi mu cyumweru Olempike (Olympic Week), taliki 19 Kanama, tukaba twarifatanyije na Kids Play International i Gatagara mu Karere ka Nyanza aho twizihije uyu munsi turi kumwe n'abana 300."

Komite Olempike y'u Rwanda ku bufatanye n'Ishyirahamwe ry'umukno wa football (FERWAFA), Ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball (FERWABA) ndetse na CAVB Zone 5, yageneye kandi ikigo RCCS ibikoresho bitandukanye by'imikino birimo imipira yo gukina Basketball, Volleyball na Football.

# **Football:** AS Kigali yegukanye igikombe cy'Amahoro 2022




*AS Kigali yishimira igikombe cy'Amahoro 2022 yegukanye*

Taliki 28 Kamena 2022 habaye imikino ya nyuma mu irushanwa ry'igikombe cy'Amahoro 2022 mu bagabo n'abagore.

Ikipe ya AS Kigali mu cyiciro cy'abagabo yegukanye igikombe cy'Amahoro 2022 itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya APR FC.

Uyu mukino wabaye taliki 28 Kamena 2022 ubera kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo. Ikipe ya AS Kigali yisubije iki gikombe itsinze APR FC igitego 1-0 cyatsinzwe na Kalisa Rashid ku munota wa 30 w'umukino.

Ikipe ya AS Kigali yageze ku mukino wa nyuma isezereye Police FC muri ½ mu gihe ikipe ya APR FC yageze ku mukino wa nyuma isezereye ikipe ya Rayon Sports.

Iri rushanwa ry'igikombe cy'Amahoro ryaherukaga gukinwa muri 2019 ubwo ikipe ya AS Kigali yegukanaga igikombe itsinze ikipe ya Kiyovu. Ikipe ya APR FC iheruka iki gikombe muri 2017 ubwo yatsindaga Espoir FC.

Iyi kipe kandi yaherukaga gutsindwa ku mukino wa nyuma muri 2016 ubwo yatsindwaga na Rayon Sports igitego 1-0.

Ikipe ya Rayon Sports yegukanye umwanya wa 3 aho yatsinze Police FC ibitego 4-0, umukino wabaye taliki 27 Kamena 2022.

Ikipe ya AS Kigali yahawe igikombe na miliyoni 10 z'amafaranga y'u Rwanda, ikipe ya APR FC ihabwa miliyoni 5 naho Rayon Sports yabaye iya gatatu ihabwa miliyoni 3.

Aya makipe yombi, AS Kigali na APR FC ni yo azahagararira u Rwanda mu mikino y'Afurika, AS Kigali izaserukira u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo "Total CAF Confederation Cup 2022-2023" naho APR FC izitabira imikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo "Total CAF Champions League 2022-2023" kubera ko ari yo yegukanye igikombe cya shampiyona.

## Mu cyiciro cy'abagore, AS Kigali naho yegukanye igikombe

Mu bagore, ikipe ya AS Kigali naho yegukanye igikombe itsinze ikipe ya Kamonyi WFC ibitego 4-0, umukio wabereye kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo taliki 28 Kamena 2022.

Ikipe ya Bugesera FC yegukanye umwanya wa gatatu nyumayo gutsinda ikipe ya APAER WFC ibitego 4-1, umukino wabereye kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo taliki 27 Kamena 2022. Ikipe ya AS Kigali yahaweigikombe na miliyoni 4 z'amafaranga y'u Rwanda, Kamonyi WFC yahawe miliyoni 3 naho ikipe ya Bugesera WFC ihabwa miliyoni 2.



## Sunrise FC yegukanye shampiyona y'icyiciro cya kabiri

Taliki 29 Kamena 2022 ni bwo habaye umukino wa nyuma muri shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagaboaho ikipe ya Sunrise FC yegukanye igikombe itsinze ikipe ya Rwamagana City FC.
Muri uyu mukino wabereye kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo, ikipe ya Sunrise FC yatsinze Rwamagana City FC igitego 1-0 cyatsinzwe na Hakizimana Adolphe.
Izi kipe zombi, Sunrise FC na Rwamagana City FC zikaba zarabonye n'itike yo kuzakina shampiyona y'icyiciro cya mbere umwaka utaha w'imikino wa 2022-2023.
Mbere y'umukino wa nyuma, ikipe ya ya VisionFC na Interforce FC zahataniye umwanya wa 3 maze ikipe ya Vision FC itsinda Interforce FC kuri penaliti 5-4 nyuma yo kunganya igitego 1-1.
Ikipe ya Sunrise FC yahaweigikombe na miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda, Rwamagana City FC ihabwa miliyoni 3 naho Vision FC ihabwa miliyoni 1.



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave